WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY – WDA

Empowering people with employable skills and entrepreneurship capacity

P. O. BOX 2707
Tel: (+250) 255113365
E-mail: wda@wda.gov.rw
Website: www.wda.gov.rw

ITANGAZO RIJYANYE NO KWIYANDIKISHA KU BAKANDIDA BIGENGA BAZAKORA IKIZAMINI CYA LETA.

(Kurivuga inshuro enye ku munsi mu gihe cy'iminsi irindwi)

Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere Imyuga n'Ubumenyingiro (WDA) kiramenyesha abifuza kwiyandikisha nk'abakandida bigenga bifuza kuzakora ikizamini cya Leta mu masomo y'imyuga n'ubumenyingiro muri uyu mwaka w'amashuri wa 2018, ko igikorwa cyo kwiyandikisha kizakorwa guhera tariki ya 28/5/2018 kugeza tariki ya 08/06/2018 mu ntara no kuva tariki 11/06/2018 kugeza tariki 22/06/2018 mu mujyi wa Kigali.

Uwiyandikisha agomba kuba afite ibi bikurikira:

1. Email ye kandi ikora ;
2. Indangamuntu (ID) cyangwa Pasiporo ;
3. Amafoto abiri (2) magufi y'amabara agaragaza amatwi yombi ;
4. Ibyangombwa bigaragaza amashuri yize, amahugurwa yabonye cyangwa uburambe afite mu kazi bijyanye n'ishami yifuza kwiyandikishamo.
5. Amafaranga ibihumbi cumi na **bitanu (15,000 Frw) yishyurwa nyuma yo gusuzuma ko ibyangombwa byuzuye.**

Icyitonderwa:

- Ibindi bisobanuro birambuye n'ibyo umuntu agomba kuba yujuje ngo yemererwe kuzakora Ikizamini muzabisanga mu mabwiriza ari ku rubuga rwa WDA arirwo : **www.wda.gov.rw**
- Amafaranga yishyuwe ntasubizwa mu gihe hari utemerewe kuzakora ikizamini.
- Abazemererwa kuzakora Ikizamini nk'abakandida bigenga bazahabwa numero ibaranga (index number) bazajya bakoresha mu bizamini.
- Amakuru yo kumenya gahunda y'ibizamini bizakorwa (Time table) ndetse n'aho bazakorera, bazabisanga ku Turere biyandikishirijemo no ku rubuga rwa WDA.

Abakandida bigenga baziyandikishiriza mu turere dukurikira:

- Huye, Nyanza, Muhanga mu ntara y'amajyepfo;
- Rusizi, Karongi, Rubavu mu ntara y'iburengerazuba;
- Musanze, Gicumbi mu ntara y'amajyaruguru;
- Nyagatare, Ngoma mu ntara y'iburasirazuba;
- Nyarugenge,Gasabo na Kicukiro mu mujyi wa Kigali.

Bikorewe i Kigali, kuwa ……./05/2018

GASANA Jerome

Umuyobozi Mukuru wa WDA.